

ICYEMEZO CY'UMUCAMANZA MU RUBANZA RP/ECON 00016/2020/TGI/HYE GITEGEKA  
UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri n'ibiri, umunsi wa 20 w'ukwezi kwa Nyakanga;

Twebwe MUSABWA Innocent umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Huye, dufatanije na KIGEME Anne Marie, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona urubanza RP/Econ 00016/2020/TGI/HYE, Ubushinjacyaha ku rwego rwisumbuye rwa Huye bukurikiranyemo MUREKEZI Emmanuel na bagenzi be icyaha cyo kurigisa umutungo, ruzaburanishwa ku wa 26/9/2022;

Tumaze kubona ko MUREKEZI Emmanuel mwene Murekezi Jean na Mukandekazi wavukiye mu Mujyi wa Kigali, Akarere ka Nyarugenge, Umurenge wa Nyamirambo, Akagari ka Cyivugiza, Umudugudu wa Intwari utuye mu Ntara ya y'Amajyepfo, Akarere ka Muhanga, Umurenge wa Shyogwe, Akagari ka Ruli, Umudugudu wa Ruhina, ni umunyarwanda, yashakanye na Dukuzimana, akurikiranywe nk'uwatorotse ubutabera nkuko byemejwe n'Ubushinjacyaha ku rwego rwisumbuye rwa Huye;

KUBERA IZO MPAMVU ZOSE TUBONYE:

Dushingiye ku ngingo za I60,I6Iz'itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Dutegetse MUREKEZI Emmanuel kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Huye ku wa 26/ 9/ 2022 saa mbiri n'igice (8h30), ku cyicaro cyarwo i Ngoma ngo aburanishwe, atakwitaba hakomezwa ko yasuzuguye amategeko, agacirwa urubanza adahari;

Twemeje ko mu rwego rwo kubimenyekanisha iki cyemezo gitangazwa mu kinyamakuru «www.judiciary.gov.rw » mu minsi 8.

Twemeje ko iki cyemezo kimanikwa ahagenewe kumanikwa amatangazo ku Rukiko Rwisumbuye rwa Huye.

Bikorewe i Ngoma /Huye mu mwaka,umunsi n'ukwezi byavuzwe haruguru.

Umucamanza

MUSABWA Innocent



Umwanditsi

Kigeme Anne Marie